Mu bitunganya ubuyisilamu bw’umuntu ni uko areka ibitamureba

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu bitunganya ubuyisilamu bw’umuntu ni uko areka ibitamureba."

[قال النووي: حديث حسن] [رواه الترمذي وغيره]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko mu byuzuza ubuyisilamu bw'umuntu ndetse bukanatungana, n'ukwemera kwe kukuzura ni ukwitandukanya n'ibitamureba adafite aho ahuriye nabyo mu mvugo no mu bikorwa, cyangwa se n'ibindi bitamureba mu kwemera kwe no mu mibereho ye. Bityo umuntu kumara umwanya ku bintu bitamureba cyangwa agakora ibyo akwiye kwirinda; kubera ko umuntu azabazwa ibikorwa bye ku munsi w'imperuka.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/65255